

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° YO KUWA/...../..... AGENGA
UBURYO BWO GUSHYIRA ABANA MU MIRYANGO IBARERA**

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije

Ingingo ya 2: Impamvu zituma abana bashyirwa mu miryango ibarera

Ingingo ya 3: Inshingano ya Leta y'u Rwanda

**UMUTWE WA 2: UBURYO BUKORESHA MU KWAKIRA ABANA B'IMFUBYI
N'ABANDI BANA BATISHOBOYE MU MIRYANGO IBARERA**

Ingingo ya 4: Ibyiciro by'abana bashobora kwakirwa mu miryango ibarera

Ingingo ya 5: Iperereza ku murungu w'umwana

Ingingo ya 6: Umuyobozi ufite ububasha bwo gukora iperereza.

Ingingo ya 7: Uruhushya rwo kwakira umwana mu murungu no kwemera kwakira umwana

Ingingo ya 8: Uruhushya rw'umwana mu ifatwa ry'icyemezo cyo kumushyira mu murungu ugiye kumurera

Ingingo ya 9: Kujuririra icyemezo cyo gushyira umwana mu murungu

**UMUTWE WA 3: IBY'INGENZI ABABYEYI BAKIRIYE UMWANA BASABWA
GUKORA**

Ingingo ya 10: Uburenganzira bwa kibyezi

Ingingo ya 11: Inshingano z'ababyeyi bakiriye umwana

Ingingo ya 12: Kutavangura abana mu rugo

Ingingo ya 13: Kudafata nabi abana bakiriwe mu muryango.

UMUTWE WA 4: UBURENGANZIRA BW'IBANZE BW'UMWANA URERERWA MU MURYANGO

Ingingo ya 14: Uburenganzira rusange

Ingingo ya 15: Uburenganzira bwihariye

Ingingo ya 16: Inshingano z'umwana wakiriwe mu muryango umurera

UMUTWE WA 5: IGENZURA RY'ABANA BARERERWA MU MIRYANGO

Ingingo ya 17: Abashinzwe kugenzura abana barererwa mu miryango

Ingingo ya 18: Guhagarika kureresha

Ingingo ya 19: Guteganya uko umwana azabaho

UMUTWE WA 6: GUTEGANYA AHO UMWANA AZABA

Ingingo ya 20: Irangira ryo kurererwa mu muryango

Ingingo ya 21: icyemezo cyo guha umwana imibereho yigenga

Ingingo ya 22: Imenyekanisha ry'umutungo w'umwana

UMUTWE WA 7: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 23: Ingingo z'inzibacyuho

Ingingo ya 24: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo ya 25: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 27, iya 28, iya 120 , iya 190 n'iya 201;

Amaze kubona amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'Umwana yo ku wa 20 Ugushyingo 1989, yemejwe n'iteka rya Perezida n°773/16 ryo ku wa 19/09/1990 cyane cyane mu ngingo yayo ya 20;

Amaze kubona amasezerano mpuzamahanga yerekeye kurinda abana no gufatanya mu byerekeye ukubera umubyeyi umwana utabyaye mu rwego mpuzamahanga; yashyiriweho i La Haye mu Buholandi ku wa 29 Gicurasi 1993, **yemerewe kwemezwa burundu** n'Itegeko n° 002/2008 ryo ku wa 14/01/2008, cyane cyane mu ngingo yayo ya 21.

Ashingiye ku Itegeko n° 42/1988 ryo ku wa 27 Ukwakira 1988 rishyiraho interuro y'ibanze n'Igitabo cya mbere cy'Urwunge rw'Amategeko mbonezamubano, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 333, iya 334, iya 335, iya 336, iya 337, iya 338 n'iya 339.

Ashingiye ku Itegeko n°27/2001 ryo ku wa 28/04/ 2001 ryerekeye uburenganzira no kurinda umwana ihohoterwa, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2, iya 7, iya 8, iya 9, iya 10, iya 13 n'iya14;

Ashingiye ku nshingano ya Guverinoma y'u Rwanda yo guteza imbere politiki n'amategeko bishyira imbere iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana, hagamijwe kurwanya imirimo ikoresha abana batagira ubarengera kandi batishoboye;

Ashingiye kuri politiki y'igihugu yo kubaka u Rwanda rwiza aho abana bose bagira uburenganzira bwo kubaho,kwiga,kugira ubuzima buzira umuze, kugira ubarengera mu mibereho yabo no kugira aho abarizwa;

Ashyizeho amabwiriza akurikira:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza ya Minisitiri agamije gushyiraho uburyo n'ibyangombwa bisabwa kugira ngo abana bashyirwe mu miryango ibarera.

Ingingo ya 2: Impamvu zituma abana bashyirwa mu miryango ibarera

Gushyira umwana mu muryango umurera bikorwa igihe umwana atakigira ababyeyi be bwite, igihe yatereranywe n'ababyeyi be bwite, igihe ababyeyi be batakibasha kumwitaho cyangwa ababyeyi be barambuwe ububasha bwo kumurera.

Ingingo ya 3: Inshingano ya Leta y'U Rwanda

Leta y'u Rwanda, ibinyujije mu Turere, ifite inshingano yo kugenzura ko abana bavugwa mu ngingo ya 2 bashyirwa mu miryango ibarera kandi ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa.

Iyo bigaragaye ko umuryango urera umwana udashoboye kubahiriza bumwe mu burenganzira bwe kubera impamvu zitawuturutseho nk'uko byemezwa n'ababishinzwe kandi bitabaye ngombwa kuwambura umwana urera, umuryango wakiriye umwana ufashwa binyuze muri gahunda zisanzwe za Leta zo gufasha abatishoboye.

UMUTWE WA 2: UBURYO BUKORESHWA MU KWAKIRA ABANA B'IMFUBYI N'ABANDI BANA BATISHOBOYE MU MIRYANGO IBARERA

Ingingo ya 4: Ibyiciro by'abana bashobora kwakirwa mu miryango ibarera

Ibyiciro by'abana bashobora kwakirwa mu miryango ibarera ni ibi bikurikira:

- Abana batagira se na nyina;
- Abana bafite ababyeyi bambuwe ububasha bwo kurera abana babo;
- Abana batereranywe cyangwa bajugunywe n'abababyaye;
- Abana batakibasha kwitabwaho n'ababyeyi babo

Ingingo ya 5: Iperereza ku muryango w'umwana

Icyemezo cyo gushyira umwana mu muryango umurera kigomba kubanzirizwa n'iperereza risesuye kuri uwo mwana, rigamije kumenya imiterere n'imibereho by'umuryango we.

Iryo perereza rinakorwa ku babyeyi bifuzwa kwakira uwo mwana rigamije kureba niba ababyeyi biyemeje kwakira umwana bafite ubushobozi bwo kumurera neza ku buryo

uburenganzira bwe buzubahirizwa.

Ibigomba gusuzumwa ku mwana ugomba gushyirwa mu muryango no ku muryango ushaka kumwakira bigenwa na Minisitiri ufite abana mu nshingano ze.

Ingingo ya 6: Umuyobozi ufite ububasha bwo gukora iperereza

Iperereza ku muryango w'umwana rikorwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho umwana azakirwa, ku bufatanye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho umwana akomoka niba ari imirenge itandukanye.

Iryo perereza rikorwa mu gihe kitarenze iminsi 30 uhereye igihe umuryango wasabiye kwakira umwana.

Ingingo ya 7: Uruhushya rwo kwakira umwana mu muryango no kwemera kwakira umwana

Uwifuzwa wese kwakira umwana mu muryango we abisaba ubuyobozi bw'Umurenge mu nyandiko agasubizwa mu gihe cy'iminsi 30 uhereye igihe yabisabiye.

Umuryango wakiriye umwana ugirana amasezerano awemerera kwakira uwo mwana n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho uwo muryango utuye. Imiterere y'ayo masezerano n'ibiyakubiyemo bishyirwaho na Minisitiri ufite abana mu nshingano ze.

Iyo umuryango wakiriye umwana mu buryo butunguranye, uwo muryango ugomba kumuha ibyo akeneye bya ngombwa, hanyuma ukageza ibibazo by'uwo mwana mu nyandiko ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge batuyemo mu gihe cy'iminsi 3 abinyujije ku buyobozi bw'umudugudu n'ubw'akagari. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge nawe akabimenyeshya ubuyobozi bw'Akarere mu gihe kitarenze iminsi 15.

Iyo ubuyobozi bw'Akarere bumaze kubimenyeshwa, umwana yakirwa mu muryango hakurikijwe ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Iyo ubuzima n'umutekano by'umwana wakiriwe byahungabanyijwe, umuryango wamwakiriye n'undi wese bireba agomba kugeza umwana ku kigo cya polisi kiri hafi kugira ngo akorerwe inyandikomvugo y'ibyamubayeho. Inyandikomvugo y'ibyamubayeho igomba gushyikirizwa ubuyobozi bw'Akarere kandi kopi yayo ikohererezwa Minisitiri ufite kurengera abana mu nshingano ze.

Ingingo ya 8: Uruhare rw'umwana mu ifatwa ry'icyemezo cyo kumushyira mu muryango ugiye kumurera

Bitanyuranyije n'ibiteganyijwe mu ngingo ya 4 n'ya 7 y'aya mabwiriza, umwana agomba kugira uruhare mu gufata icyemezo kijyanye no kumushyira mu muryango ugiye kumurera, hakurikijwe imyaka n'ubujijuke bye.

Ingingo ya 9: Kujuririra icyemezo cyo gushyira umwana mu muryango

Nyamara ariko, umuntu wese bireba (umuturage, umuyobozi,...) utanyuzwe n'icyemezo cyo gushyira umwana mu muryango ashobora, mu nyungu z'umwana, kugaragariza ubuyobozi bw'Akarere impamvu zatuma umwana atakirwa muri uwo muryango. Iyo ubuyobozi bw'Akarere ntacyo bubikozeho mu gihe cy'iminsi mironko itatu, umuntu wese bireba ashobora kugeza ikibazo cy'uwo mwana kuri Minisitiri ufite kurengera abana mu shingano ze.

UMUTWE WA 3: IBY'INGENZI ABABYEYI BAKIRIYE UMWANA BASABWA GUKORA

Ingingo ya 10: Uburenganzira bwa kibyeyi

Ababyeyi bakiriye umwana mu rugo rwabo, mu gihe bakimurera, bamugiraho uburenganzira bwa kibyeyi ariko bitanyuranyije n'amategeko y'Igihugu n'uburenganzira bw'umwana.

Ingingo ya 11: Inshingano z'ababyeyi bakiriye umwana

Mu kurera kibyeyi umwana bakiriye, ababyeyi bagomba kubahiriza uburenganzira bw'ibanze n'ubwisanzure bw'umwana, ibyangombwa nkenerwa bijyanye n'ubuzima bwiza n'imibereho myiza harimo guhabwa indyo yuzuye, imyambaro, uburezi, ubuvuzi, n'ubundi burenganzira yemererwa n'amategeko.

Ababyeyi bakiriye umwana bamuyobora mu burenganzira bwe bwo guhitamo idini hakurikijwe imyaka n'ubujijuke bye.

Ingingo ya 12: Kutavangura abana mu rugo

Ababyeyi bakiriye umwana bagomba gufata abana bakiriye kimwe n'uko bafata ababo bwite nta vangura iryo ari ryo ryose, ryaba rishingiye ku bwenegihugu, ubwoko, igitsina, idini cyangwa imiryango bakomokamo.

Ingingo ya 13: Kudafata nabi abana bakiriwe mu muryango

Umwana wakiriwe mu muryango ntagomba guhohoterwa ku mubiri cyangwa kumuha ibihano bimutesha agaciro cyangwa byo kumucyurira, byaba bikozwe n' ababyeyi bamwakiriye, abandi bana cyangwa abakozi bo mu rugo.

Bitabangamiye izindi ingingo z'amategeko ahana, buri buryo bwose bukoreshejwe ku mwana wakiriwe mu muryango bugamije kumutesha agaciro buzahanwa hakurikijwe itegeko ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa.

UMUTWE WA 4: UBURENGANZIRA BW'IBANZE N'INSHINGANO BY'UMWANA URERERWA MU MURYANGO

Ingingo ya 14: Uburenganzira rusange

Umuryango urera umwana ugomba kwita ku burenganzira bw'umwana bwose ahabwa n'amategeko.

Ingingo ya 15: Uburenganzira bwihariye

Buri mwana urererwa mu muryango agomba kubona inyigisho z'amasomo cyangwa umwuga bigezweho bihuye n'imyaka ndetse n'ubujijuke kandi bimuha amahirwe angana n'ay'abandi bana bari mu kigero cye. Umuryango urera umwana ugomba kumwerekana urukundo, kumuha umwanya wo kwidagadura no gusabana na bagenzi be.

Umuryango urera umwana ugomba kumuha uburyo bwo kugira isuku n'aho kwisanzurira kugira ngo akure neza; ugomba kwita ku buzima bwe, harimo ubuzima bw'imyororokere no kumurinda ihungabana.

Mu gihe bitabangamiye inyungu ze, umwana wakiriwe mu muryango agomba gukomeza kugirana isano n'umuryango avukamo bakanasurana.

Ingingo ya 16: Inshingano z'umwana wakiriwe mu muryango

Umwana afite inshingano yo kubaha ababyeyi bamwakiriye, abantu aruta n'abamuruta. Afite kandi inshingano zo gufasha abamurera mu mirimo ijyanye n'ikigero n'ubushobozi bye.

Umwana ategetswe kwiga amashuri yose ababyeyi bamwakiriye cyangwa Igihugu bashobora kumubonera.

UMUTWE WA 5: IGENZURA RY'ABANA BARERERWA MU MIRYANGO

Ingingo ya 17: Abashinzwe kugenzura abana barererwa mu miryango

Igenzura ry'abana barererwa mu miryango rikorwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge cyangwa umuhagarariye. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge yoherereza Umuyobozi w'Akarere nibura rimwe mu gihembwe, raporo zakozwe ku igenzurwa ry'abana barererwa mu miryango ituye muri uwo murenge.

Umuyobozi w'Akarere yoherereza Komisiyo y'Igihugu ishinzwe abana nibura rimwe mu gihembwe raporo zivuga imibereho y'abana barererwa mu miryango yabakiriye akagera kopi Minisitiri ufite kurengera abana mu nshingano ze.

Ingingo ya 18: Guhagarika kureresha.

Bitabangamiye izindi ingingo z'amategeko bireba, Umuyobozi w'Akarere ashobora guhagarika icyemezo cyo kureresha umwana mu muryango iyo raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge yemeza ko hari ingingo z'aya mabwiriza uwo muryango udakurikiza.

Ni nako bigenda iyo uwo mwana yerekana ibimenyetso bidakuka byo gufatwa nabi n'umuryango umurera.

Mu gihe bibaye ngombwa ko umwana ava mu muryango runaka, akwiye gushakirwa undi muryango hakurikijwe ibiteganijwe mu ingingo ya 5, 6,7 n'ya 8 z'aya mabwiriza.

Umuryango n'undi wese washutse umwana kugira ngo ave mu muryango umurera agomba guhanwa hakurikijwe amategeko. Igihe umwana yananiranye kandi ibishoboka byose byo kumugorora byarakozwe, hashingiwe ku bimenyetso bigaragara, umwana

ajyanwa mu bigo ngororamuco binyujijwe mu buyobozi bw'Akarere.

UMUTWE WA 6: GUTEGANYA AHO UMWANA AZABA

Ingingo ya 19: Guteganya uko umwana azabaho

Akigera mu muryango umurera, uwo muryango ufatanyije n'Ubuyobozi bw'Umurenge, bategurira umwana gahunda y'ibikorwa byose bizamufasha mu gihe azaba atakirerwa muri uwo muryango kandi akabigiramo uruhare hakurikijwe imyaka n'ubujijuke bye.

Ingingo ya 20: Irangira ryo kurererwa mu muryango

Kurererwa mu muryango by'umwana wakiriwe birangira iyo:

1. Umwana ahujwe n'ababyeyi be;
2. Umwana yakiriwe n'umwe muri bene wabo wemera kumurera nk'umwishingizi;
3. Umwana abonye uwemera kumubera umubyeyi ataramubyaye;
4. Umwana ageze ku myaka y'ubukure iteganywa n'amategeko cyangwa yemerewe ubukure mu buryo buteganywa n'amategeko
5. Umwana wakiriwe apfuye;
6. Abamwakiriye bapfuye;
7. Abamwakiriye bamutaye.

Ingingo ya 21: icyemezo cyo guha umwana imibereho yigenga

Icyemezo cyo guha umwana imibereho yigenga gifatwa n'Umuyobozi w'Akarere akurikije igenzura ry'imibereho ye no kugubwa neza hitawe ku myaka n'ubukure by'umwana. icyo cyemezo kimenyeshwa umwana, Komisiyo y'Igihugu ishinzwe abana, na Minisitiri ufite kurengera abana mu nshingano ze.

Ingingo ya 22: Imenyekanisha ry'umutungo w'umwana

Iyo umwana agiye gushyirwa mu muryango, ubuyobozi bw'Umurenge bumurikira uwo muryango umutungo w'umwana iyo uhari. Mbere y'uko umwana atangira imibereho yigenga, umuryango umurera umumurikira umutungo we ukanakora raporo y'ishusho y'umutungo w'umwana igashyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge kugira ngo ayemeze nyuma yo gukora isuzuma ryemeza ko umutungo watangajwe ariwo koko. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge iyo amaze kwemeza iyo raporo

ayohereze Umuyobozi w'Akarere, akamenyesha Komisiyo y'Igihugu ishinzwe abana na Minisitiri ufite kurengera abana mu nshingano ze.

UMUTWE WA 7: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 23: Ingingo z'inzibacyuho

Imiryango yakiriye abana mbere y'uko aya mabwiriza ya Minisitiri atangira gukurikizwa ihawe imyaka ibiri kugira ngo iyakurikize.

Ingingo ya 24: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza ya Minisitiri abanziriza aya kandi anyuranyije na yo zivanyweho.

Ingingo ya 25: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa

Aya mabwiriza azatangira gukurikizwa umunsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali kuwa

INYUMBA Aloisea

Minisitiri w' Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango